# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup*


**A. *Amateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders / Arrêtés du Premier Ministre***

**Nº 112/03 ryo ku wa 19/06/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere bya Komite ishinzwe gutanga sitati y'ubuhunzi rikanagena ibigenerwa abayigize……………………………………………………3
**Nº 112/03 of 19/06/2015**
Prime Minister's Order determining the organisation and functioning of the National Refugee Status determination committee and benefits granted to its members………………..............3
**Nº 112/03 du 19/06/2015**
Arrêté du Premier Ministre déterminant l'organisation et le fonctionnement du Comité National de reconnaissance du statut de réfugié et les avantages accordés à ses membres…...3

**N° 113/03 ryo ku wa 19/06/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Komite ihuriweho na za Minisiteri, ishinzwe kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ritemewe n'amategeko kandi rikagena imiterere n'imikorere byacyo ………………………………………………13
**N° 113/03 of 19/06/2015**
Prime Minister's Order establishing the Inter Ministerial Committee responsible for fighting against illicit use of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors, and determining its organisation and functioning …………………………………………………………..13
**N° 113/03 du 19/06/2015**
Arrêté du Premier Ministre portant création du Comité Interministériel de la lutte contre l'utilisation illicite des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs, et déterminant son organisation et fonctionnement …………………………………………………………...13

**N° 114/03 ryo ku wa 19/06/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ibyangombwa bikenewe kugira ngo umuntu agire uburenganzira bwo gutunga ubutaka bwo mu mujyi bugenewe imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira ……………………………………………………….24
**N° 114/03 of 19/06/2015**
Prime Minister's Order determining conditions for authorization to carry out real estate development operations ……………………………………………………………………...24
**N°114/03 du 19/06/2015**
Arrêté du Premier Ministre déterminant les conditions d'acquisition de l'autorisation de réaliser les opérations de promotion immobilière en milieu urbain………………………….24

### *B. Amateka ya Minisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels*

**N° 20/33 ryo ku wa 09/06/2015**
Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'ahantu hagenewe kunywera itabi n'ibirikomokaho n'ibikubiye mu itangazo rihamanikwa……………………………………………………….35
**N° 20/33 of 09/06/2015**
Ministerial Order determining the characteristics of smoking areas and the content which shall be included in the notice to be displayed in the smoking area…………………………35
**N° 20/33 du 09/06/2015**
Arrêté Ministériel portant caractéristiques des zones réservées aux fumeurs et contenu d'avis à afficher sur ces zones…………………………………………………………………….35

**N° 20/34 ryo ku wa 09/06/2015**
Iteka rya Minisitiri rigena ibijya mu nyandiko ziburira zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho n'uko ziteye………………………………………………………………..44
**N° 20/34 of 09/06/2015**
Ministerial Order determining the content and design of the warning to be put on the package of tobacco and tobacco products ……………………………………………………………44
**N° 20/34 du 09/06/2015**
Arrêté Ministériel portant contenu et forme de l'avertissement à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac ……………………………………………………………………...44

**Nº 20/35 ryo ku wa 09/06/2015**
Iteka rya Minisitiri rigena ibinyobwa bitemewe n'ibindi bintu bicungwa kandi bifatwa nk'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo………………………………….50
**Nº 20/35 of 09/06/2015**
Ministerial Order determining unauthorized drinks and other controlled substances classified as narcotic drugs, psychotropic substances and precursors ………………………………….50
**Nº 20/35 du 09/06/2015**
Arrêté Ministériel déterminant les boissons non autorisées et autres substances controlées classées comme stupéfiants, substances psychotropiques et précurseurs…………………...50

### *C. Umuryango / Organization / Organisation*

Eglise Pentecote Assemblée au Rwanda (EPAR) …………………………………………...67
Pentecostal Assembly Church in Rwanda (PACR) ……………………………………………...67

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº112/03 RYO KU WA 19/06/2015 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE ISHINZWE GUTANGA SITATI Y'UBUHUNZI RIKANAGENA IBIGENERWA ABAYIGIZE**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Aho abagize Komite baturuka**

**Ingingo ya 4: Biro ya Komite**

**Ingingo ya 5: Itorwa rya biro**

**Ingingo ya 6: Itumizwa ry'inama ya mbere ya Komite**

**Ingingo ya 7: Inama za Komite**

**Ingingo ya 8: Ibyemezo bya Komite**

**Ingingo ya 9: Isimbuzwa ry'uwavuye muri Komite**

**Ingingo ya 10: Amategeko ngengamikorere ya Komite**

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 112/03 OF 19/06/2015 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL REFUGEE STATUS DETERMINATION COMMITTEE AND BENEFITS GRANTED TO ITS MEMBERS**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Origin of members of the Committee**

**Article 4: Bureau of the Committee**

**Article 5: Election of the Bureau**

**Article 6: Convening the first meeting of the Committee**

**Article 7: Meetings of the Committee**

**Article 8: Decisions of the Committee**

**Article 9: Replacement of a member of the Committee**

**Article 10: Internal Rules and Regulations of the Committee**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº112/03 DU 19/06/2015 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU COMITE NATIONAL DE RECONNAISSANCE DU STATUT DE REFUGIE ET LES AVANTAGES ACCORDES A SES MEMBRES**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Provenance des membres du Comité**

**Article 4: Bureau du Comité**

**Article 5: Election du Bureau du Comité**

**Article 6: Convocation de la première réunion du Comité**

**Article 7: Réunions du Comité**

**Article 8: Décisions du Comité**

**Article 9: Remplacement d'un membre du Comité**

**Article 10: Règlement d'ordre intérieur du Comité**

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **Ingingo ya 11: Ibigenerwa abagize Komite** | **Article 11: Sitting allowances for members of the Committee** | **Article 11: Jetons de présence pour les membres du Comité** |
| **Ingingo ya 12: Abashinzwe kubahiriza iri teka** | **Article 12: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 12: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 13: Repealing provision** | **Article 13: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 14: Commencement** | **Article 14: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº112/03 RYO KU WA 19/06/2015 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE ISHINZWE GUTANGA SITATI Y'UBUHUNZI RIKANAGENA IBIGENERWA ABAYIGIZE**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 120, 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13ter/2014 ryo ku wa 21/05/2014 ryerekeye impunzi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 6;

Bisabwe na Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena imiterere n'imikorere ya Komite ishinzwe Gutanga Ubuhunzi rikanagena ibigenerwa abayigize.

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 112/03 OF 19/06/2015 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL REFUGEE STATUS DETERMINATION COMMITTEE AND BENEFITS GRANTED TO ITS MEMBERS**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 13ter/2014 of 21/05/2014 relating to refugees, especially in Articles 3 and 6;

On proposal by the Minister of Disaster Management and Refugee Affairs;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 13/02/2015;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines the organisation and functioning of the National Refugee Status Determination Committee and benefits granted to its member.

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº112/03 DU 19/06/2015 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU COMITE NATIONAL DE RECONNAISSANCE DU STATUT DE REFUGIE ET LES AVANTAGES ACCORDES A SES MEMBRES**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 13ter/2014 du 21/05/2014 sur les Réfugiés, spécialement en ses articles 3 et 6;

Sur proposition du Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 13/02/2015;

**ARRETE**:

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine l'organisation et le fonctionnement du Comité National de Reconnaissance du Statut de Réfugié et les avantages accordés à ses membres.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira**:**

1° **Minisitiri:** Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi;

2° **Komite:** Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Aho abagize Komite baturuka**

Abagize Komite baturuka mu nzego zikurikira:

1° Serivisi za Minisitiri w'Intebe;

2° Minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo;

3° Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo;

4° Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo;

5° Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;

6° Minisiteri ifite ingabo mu nshingano zayo;

7° Minisiteri ifite umutungo kamere mu nshingano zayo;

**<u>Article 2</u>: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall mean:

1° **Minister:** Minister of Disaster Management and Refugee Affairs;

2° **Committee:** National Refugee Status Determination Committee.

**<u>Article 3</u>: Origin of members of the Committee**

Members of the Committee shall come from the following entities:

1° Prime Minister's Office;

2° the Ministry in charge of refugees;

3° the Ministry in charge of foreign affairs;

4° the Ministry in charge of local government;

5° the Ministry in charge of justice;

6° the Ministry in charge of defence forces;

7° the Ministry in charge of natural resources;

**<u>Article 2</u>: Définitions des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes**:**

1° **Ministre:** Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés;

2° **Comité:** Comité National de Reconnaissance du Statut de Réfugié.

**<u>Article 3</u>: Provenance des membres du Comité**

Les membres du Comité proviennent des entités suivantes :

1° les Services du Premier Ministre ;

2° le Ministère ayant les réfugiés dans ses attributions ;

3° le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions ;

4° le Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions ;

5° le Ministère ayant la justice dans ses attributions ;

6° le Ministère ayant les forces de défense dans ses attributions ;

7° le Ministère ayant les ressources naturelles dans ses attributions ;

8° Minisiteri ifite umutekano mu Gihugu mu nshingano zayo;

9° Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo;

10° Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Iperereza n'Umutekano;

11° Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Abagize Komite bashyiririrwaho igihe cy'imyaka ine (4) gishobora kongerwa.

**Ingingo ya 4: Biro ya Komite**

Biro ya Komite igizwe n'aba bakurikira:

1° Perezida;

2° Visi Perezida;

3° Umwanditsi.

**Ingingo ya 5: Itorwa rya biro**

Mu nama ya mbere ya Komite abagize Komite bitoramo Perezida na Visi perezida.

Umwanditsi wa Komite ni umukozi usanzwe ari Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ibibazo

8° the Ministry in charge of internal security;

9° the Ministry in charge of health;

10° the National Intelligence and Security Service;

11° the National Human Rights Commission.

Members of the Committee shall be appointed for a term of office of four (4) years renewable.

**Article 4: Bureau of the Committee**

The Bureau of the Committee shall be composed of **:**

1° President;

2° Vice-president;

3° Secretary.

**Article 5: Election of the Bureau**

Members of the Committee shall in the first meeting of the Committee elect among themselves the President and the Vice-President.

The Secretary of the Committee shall be the Director of Refugee Affairs in the Ministry in

8° le Ministère ayant la sécurité intérieure dans ses attributions ;

9° le Ministère ayant la santé dans ses attributions ;

10° le Service National de Renseignements et de Sécurité;

11° la Commission Nationale des Droits de la Personne.

Les membres du Comité sont nommés pour le mandat de quatre (4) ans renouvelable.

**Article 4: Bureau du Comité**

Le Bureau du Comité est composé de :

1° Président;

2° Vice-Président;

3° Secrétaire.

**Article 5: Election du bureau du Comité**

Les membres du Comité élisent parmi eux au cours de leur première réunion le Président et le Vice Président.

Le secrétaire du Comité est le Directeur chargé des affaires des réfugiés au Ministère ayant les

by'impunzi muri Minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo.

Perezida na Visi Perezida ba Komite batorerwa manda y'imyaka ibiri (2) ishobora kongerwa.

**Ingingo ya 6: Itumizwa y'inama ya mbere ya Komite**

Inama ya mbere ya Komite itumizwa kandi ikayoborwa na Ministiri ufite impunzi mu nshingano ze.

**Ingingo ya 7: Inama za Komite**

Komite iterana nibura kabiri (2) mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama za Komite zitumizwa kandi zikayoborwa na Perezida wayo cyangwa na Visi perezida iyo Perezida adahari. Iyo Perezida na Visi perezida badahari, inama za Komite zishobora gutumizwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Komite. Muri icyo gihe inama itumizwa n'umwanditsi wa Komite, ikayoborwa n'umukuru mu myaka mu bayigize.

Iterana iyo nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bahari. Iyo Komite idashoboye guterana kubera kubura umubare wa ngombwa, irongera igatumizwa mu buryo busanzwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kandi abahari bagaterana hatitawe ku mubare.

charge of refugees.

The President and the Vice-President shall be elected for a term of two (2) years renewable.

**Article 6: Convening the first meeting of the Committee**

The first meeting of the Committee shall be convened and chaired by the Minister in charge of refugees.

**Article 7: Meetings of the Committee**

The Committee shall hold its meeting at least twice (2) in a quarter and whenever it is considered necessary.

The meetings of the Committee shall be convened and chaired by its President or Vice president in case of absence of the President. In case the President and the Vice president are absent, the meetings of the Committee may be convened at the request of one third (1/3) of its members. In such case, the meeting shall be convened by the Secretary and chaired by the most senior member.

It shall be held if two thirds (2/3) of its members are present.If the committee fails to hold its meeting due to lack of required quorum, the meeting is reconvened within fifteen days (15) and the meeting is held regardless of the number of the members present.

réfugiés dans ses attributions.

Le Président et le Vice Président sont élus pour un mandat de deux (2) ans renouvelable.

**Article 6: Convocation de la première réunion du Comité**

La première réunion du Comité est convoquée et présidée par le Ministre ayant les réfugiées dans ses attributions.

**Article 7: Réunions du Comité**

Le Comité se réunit au moins deux (2) fois par trimestre et chaque fois que de besoin.

Les réunions du Comité sont convoquées et présidées par son Président ou le Vice président en cas d'absence du Président. Lorsque le Président et le Vice président du Comité sont absents, les réunions du Comité sont convoquées sur demande de un tiers (1/3) de membres. Dans ce cas, la réunion est convoquée par le Secrétaire du Comité et présidée par le membre le plus âgé.

Le Comité se réunit valablement si deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Lorsque le Comité ne se réunit pas pour manque du quorum, la réunion est convoquée dans quinze jours (15) pour la seconde fois et dans ce cas, elle se réunit sans tenir compte du nombre des membres présents.

Komite ishobora gutumira mu nama zayo ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) rikorera mu Rwanda, undi muntu wese cyangwa urwego Komite yakeneraho ibitekerezo ku ngingo iri ku murongo w'ibyigwa. Uwatumiwe mu nama za Komite ashobora gutanga igitekerezo ariko nta burenganzira bwo gutora agira.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ibyemezo bya Komite**

Ibyemezo bya Komite bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane busesuye budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama.

Komite ifata ibyemezo ku madosiye y'abasaba ubuhungiro yashyikirijwe na Serivisi ifite abinjira n'abasohoka mu nshingano zayo. Mu gihe iyo Serivisi irengeje igihe giteganywa n'itegeko itarageza dosiye y'usaba ubuhungiro kuri Komite, Komite ishobora gufata icyemezo ibisabwe na Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Isimbuzwa ry'uwavuye muri Komite**

Mu gihe umwe mu bagize Komite avuye mu mirimo ye mu rwego ahagarariye asimburwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

The Committee may invite in its meetings the agency of United Nations for Refugees in Rwanda, any other person or organ from whom or which it may seek advice on certain issues on the agenda. The invitee may give his/her opinion but shall not be allowed to vote.

**<u>Article 8</u>: Decisions of the Committee**

Decisions of the Committee shall be made by consensus. If the consensus is not reached, decisions are made by two thirds (2/3) of majority of the members present at the meeting.

The Committee shall take decision on the asylum seekers's applications submitted to it by the Service in charge of Immigration and Emigration. In case that Service fails to submit the asylum seeker's application to the Committes in the period provided for by the Law, the Committee can take a decision upon request by the Minister.

**<u>Article 9</u>: Replacement of a member of the Committee**

In case a member of the Committee is no longer is his/her position in the institution he/she represents, he/she shall be replaced within a period not exceeding three (3) months.

Le Comité peut inviter dans ses réunions l'Agence du Haut Commissariat des Nations Unies pour les Refugiés au Rwanda, toute autre personne ou tout organe pouvant lui donner un avis sur certains points à l'ordre du jour. L'invité peut donner son opinion mais n'a pas droit de voter.

**<u>Article 8</u>: Décisions du Comité**

Les décisions du Comité sont prises à l'unanimité. Si l'unanimité n'est pas atteinte, les décisions sont prises à la majorité de deux tiers (2/3) des membres présents.

Le Comite délibère sur les dossiers d'application des demandeurs d'asile qui lui sont soumis par le Service ayant l'Immigration et Emigration dans ses attributions. Dans le cas où ce Service dépasse les délais prévus par la Loi sans qu'il ait soumis au Comité un dossier d'un demandeur d'asile, le Comité peut prendre une décison sur requête du Ministre.

**<u>Article 9</u>: Remplacement d'un membre du Comité**

Lorsqu'un membre du Comité n'est plus dans ses fonctions dans l'organe qu'il représente, il est remplacé dans les trois (3) mois.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Amategeko ngengamikorere ya Komite**

Komite itegura amategeko ngengamikorere ayigenga agatangira gukurikizwa amaze kwemezwa na Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ibigenerwa abagize Komite**

Abagize Komite bitabiriye inama bagenerwa amafaranga ku buryo bukurikira:

1° Perezida: Ibihumbi mirongo itandatu by'amafaranga y'u Rwanda (60.000 Frw) atahanwa;

2° Visi perezida: ibihumbi mirongo itanu na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (55.000 Frw) atahanwa;

3° Ugize Komite: ibihumbi mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (50.000 Frw) atahanwa.

Amafaranga agenerwa abitabiriye inama ntashobora gutangwa inshuro irenze imwe mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1), kabone n'iyo inama zaterana inshuro zirenze imwe.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Abashinzwe kubahiriza ri teka**

Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi na Minisitiri w'Imari

**<u>Article 10</u>: Internal Rules and Regulations of Committee**

The Committee shall prepare its internal rules and regulations, which shall be applied after being approved by the Minister.

**<u>Article 11</u>: Sitting allowances for members of the Committee**

Sitting allowances for members of the Committee shall be allocated as follows:

1° President: sixty thousand Rwanda francs (60,000 Rfw) net;

2° Vice-president: Fifty-five thousand Rwandan Francs (55,000 Rfw) net;

3° Member**:** fifty thousand Rwandan Francs (50,000 Rfw) net

Sitting allowances shall not be granted more than once during a period of one (1) month, even if meetings are held more than once within the same period.

**<u>Article 12</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Disaster Management and Refugee Affairs and the Minister of Finance

**<u>Article 10</u>: Règlement d'ordre intérieur du Comité**

Le Comité établit son règlement d'ordre intérieur qui est mis en application après être approuvé par le Ministre.

**<u>Article 11</u>: Jetons de présence pour les membres du Comité**

Les jetons de présence pour les membres du Comité présents aux réunions du Comité sont alloués comme suit :

1° Président : soixante mille francs rwandais (60.000 Frw) net ;

2° Vice-président: cinquante-cinq mille francs rwandais (55.000 Frw) net ;

3° Membre: cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw).

Les jetons de présence ne peuvent pas être perçus plus d'une seule fois au cours d'une période équivalent à un (1) mois, même en cas de plus d'une séance au cours de cette période.

**<u>Article 12</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugies et le Ministre des Finances et de

n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 19/06/2015

and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 13: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 14: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 19/06/2015

la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 13: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 14: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 19/06/2015

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**MUKANTABANA Séraphine**
Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**(sé)**
**MUKANTABANA Séraphine**
Minister of Disaster Management and Refugee Affairs

**Seen and sealed with the Seal of the Republic**:

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**(sé)**
**MUKANTABANA Séraphine**
Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°113/03 RYO KU WA 19/06/2015 RISHYIRAHO KOMITE IHURIWEHO NA ZA MINISITERI, ISHINZWE KURWANYA IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE N'IMITI IKORESHWA NKA BYO RITEMEWE N'AMATEGEKO KANDI RIKAGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°113/03 OF 19/06/2015 ESTABLISHING THE INTER MINISTERIAL COMMITTEE RESPONSIBLE FOR FIGHTING AGAINST ILLICIT USE OF NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC SUBSTANCES AND PRECURSORS, AND DETERMINING ITS ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 113/03 DU 19/06/2015 PORTANT CREATION DU COMITE INTERMINISTERIEL DE LA LUTTE CONTRE L'UTILISATION ILLICITE DES STUPEFIANTS, SUBSTANCES PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS, ET DETERMINANT SON ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Icyicaro cya Komite**

**UMUTWE WA II: IMITERERE N'IMIKORERE RYA KOMITE**

**Ingingo ya 3 : Urwego rureberera Komite**

**Ingingo ya 4: Intego ya Komite**

**Ingingo ya 5: Inshingano za Komite**

**Ingingo ya 6: Inzego za Komite**

**Ingingo ya 7: Abagize Inama Ngishwanama**

**Ingingo ya 8: Abagize Inama y'Impuguke**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Head Office of the Committee**

**CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE**

**Article 3: Supervising authority of the Committee**

**Article 4: Mission of the Committee**

**Article 5: Responsibilities of the Committee**

**Article 6: Organs of the Committee**

**Article 7: Composition of Executive Committee**

**Article 8: Composition of Committee of**

**TABLE DE MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Siège du Comité**

**CHAPITRE II : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITE**

**Article 3 : Organe de supervision du Comité**

**Article 4 : Mission du Comité**

**Article 5: Attributions du Comité**

**Article 6 : Organes du Comité**

**Article 7: Composition du Comité Exécutif**

**Article 8: Composition du Comité des Experts**

| | | |
|---|---|---|
| | **Experts** | |
| **Ingingo ya 9: Itorwa ry'Umuyobozi n'Umuyobozi Wungirije** | **Article 9: Elections of Chairperson and Deputy Chairperson** | **Article 9: Elections du président et son Adjoint** |
| **Ingingo ya 10: Igihe Umuyobozi n'Umuyobozi Wungirije bamara ku mirimo** | **Article 10: Term of office of Chairperson and Deputy Chairperson** | **Article 10 : Mandat du Président et de son Adjoint** |
| **Ingingo ya 11: Amatsinda ya Komite** | **Article 11: Sub-committees of the Committee** | **Article 11: Sous-comités du Comité** |
| **Ingingo ya 12: Inama za Komite** | **Article 12 : Meetings of the Committee** | **Article 12: Réunions du Comité** |
| **Ingingo ya 13: Ubunyamabanga bwa Komite** | **Article 13: Secretary of the Committee** | **Article 13: Secrétariat du Comité** |
| **Ingingo ya 14: Ingengo y'Imari** | **Article 14: Budget of the Committee** | **Article 14: Budget du Comité** |
| **Ingingo ya 15: Amategeko ngengamikorere ya Komite** | **Article 15: Internal rules and regulations of the Committee** | **Article 15: Règlements d'ordre intérieur du Comité** |
| **UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER III: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 16: Repealing provision** | **Article 16: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 17: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 17: Commencement** | **Article 17: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°113/03 RYO KU WA 19/06/2015 RISHYIRAHO KOMITE IHURIWEHO NA ZA MINISITERI, ISHINZWE KURWANYA IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE N'IMITI IKORESHWA NKA BYO RITEMEWE N'AMATEGEKO KANDI RIKAGENA IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 119, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 03/2012 ryo ku wa 15/02/2012 rigena imicungire y'Ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nkabyo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubuzima;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20/03/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°113/03 OF 19/06/2015 ESTABLISHING THE INTER MINISTERIAL COMMITTEE RESPONSIBLE FOR FIGHTING AGAINST ILLICIT USE OF NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC SUBSTANCES AND PRECURSORS, AND DETERMINING ITS ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 119, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 03/2012 of 15/02/2012 governing Narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda, especially in Article 26;

On proposal by the Minister of Health;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 20/03/2015;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 113/03 DU 19/06/2015 PORTANT CREATION DU COMITE INTERMINISTERIEL DE LA LUTTE CONTRE L'UTILISATION ILLICITE DES STUPEFIANTS, SUBSTANCES PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS, ET DETERMINANT SON ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**

**Le Premier Ministre ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 119, 121 et 201;

Vu la Loi n° 03/2012 du 15/02/2012 portant règlement des stupéfiants, des substances psychotropes et des précurseurs au Rwanda, spécialement en son article 26;

Sur proposition du Ministre de la Santé;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 20/03/2015 ;

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho Komite ihuriweho na za Minisiteri ishinzwe kugena, gurikirana no kugenzura imirongo ngenderwaho ya politiki yo kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ritemewe n'amategeko, yitwa "Komite" mu ngingo zikurikira, rikanagena imikorere n'imiterere byayo.

**Ingingo ya 2: Icyicaro cya Komite**

Komite ifite icyicaro mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Ariko bibaye ngombwa gishobora kwimurirwa ahandi mu Gihugu, bimaze kugibwaho inama no kwemezwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**UMUTWE WA II: IMITERERE N'IMIKORERE RYA KOMITE**

**Ingingo ya 3: Urwego rureberera Komite**

Komite irebererwa n'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 4: Intego ya Komite**

Komite zigamije gukumira no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ifatwa nka byo, rinyuranyije n'amategeko.

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes the inter-ministerial committee, responsible for formulating, monitoring and evaluating policies related to the fight against illicit use of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors, hereinafter the "Committee" and determines its organization and functioning.

**Article 2: Head Office of the Committee**

The head office of the Committee is in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. However, if considered necessary, it may relocate to any other place in the country after consultation and approval by the Minister in charge of health.

**CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE**

**Article 3: Supervising authority of the Committee**

The Committee shall be supervised by the Office of the Prime Minister.

**Article 4: Mission of the Committee**

The Committee shall have the mission of preventing drug abuse and prohibiting the illicit use of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte sur la création du Comité interministériel, chargé de la formulation, du suivi et de l'évaluation des politiques en matière de lutte contre l'utilisation illicite des stupéfiants, des substances psychotropes et des précurseurs, ci-après appelé «Comité », et détermine son organisation et fonctionnement.

**Article 2: Siège du Comité**

Le siège du Comité est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Cependant, il peut en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du pays, après consultation et approbation du Ministre ayant la santé dans ses attributions.

**CHAPITRE II : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITE**

**Article 3: Organe de supervision du Comité**

Le Comité est placé sous la supervision des services du Premier Ministre.

**Article 4 : Mission du Comité**

Le Comité a pour mission de prévention de la toxicomanie et lutte contre l'utilisation illicite des stupéfiants, des substances psychotropes et des précurseurs.

**Ingingo ya 5: Inshingano za Komite**

Kugira ngo intego yayo igerweho, Komite ifite inshingano zikurikira:

1° gutegurira Guverinoma ibyemezo yifuza gufata mu rwego rwo kurwanya ikorwa, ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge cyangwa imiti ifatwa nkabyo;

2° gukora ubushakashatsi ku ikoreshwa ry'Ibiyobyabwenge n'imiti ifatwa nka byo haba ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga;

3° gushyiraho ingamba z'ubufatanye bwa Komite n'izindi Nzego zihuje na yo inshingano zo mu Karere u Rwanda rurimo ndetse no ku rwego mpuzamahanga;

4° gutegura amahugurwa y'abakozi bo mu nzego zitandukanye bafite mu nshingano kurwanya ibiyobyabwenge n'imiti ifatwa nka byo no guhuza ibikorwa byayo;

5° kugira inama Guverinoma ku buryo bukwiye bwo gukurikirana no gukosora abafatiwe mu cyaha cyo gukora, gukoresha no gukwirakwiza ibiyobyabwenge n'imiti ifatwa nkabyo;

**Article 5: Responsibilities of the Committee**

In order to fulfill its mission, the Committee shall have the following responsibilities:

1° to advise the Government on decisions concerning the fight against narcotic drugs and psychotropic substances, their production, procurement, distribution and use;

2° to conduct research on the use of narcotic drugs and psychotropic substances on national and international levels;

3° to put in place strategies for cooperation between the Committee and other similar regional or international institutions;

4° to plan, prepare and coordinate trainings for the personnel involved in the fight against narcotic drugs and psychotropic substances;

5° to advise the Government on proper measures to adopt in terms of investigating and take corrective measures against manufacturers, dispensers and users of illicit narcotic drugs and psychotropic

**Article 5: Attributions du Comité**

Pour remplir sa mission, le Comité a des attributions suivantes:

1° conseiller le Gouvernement sur les mesures à prendre sur les questions relatives à la lutte contre la production, l'approvisionnement, la distribution et l'utilisation des produits stupéfiants et des substances psychotropes ;

2° mener des recherches tant au niveau national qu'international, sur l'utilisation des stupéfiants et des substances psychotropes;

3° mettre en place des stratégies de coopération entre le Comité et les autres organisations similaires régionales ou internationales;

4° planifier, préparer et coordonner les formations de tout le personnel impliqué dans la lutte contre les stupéfiants et les substances psychotropes;

5° conseiller le Gouvernement sur les mesures adéquates à adopter en matière d'investigations et de prise de mesures correctives auprès des producteurs, distributeurs et des utilisateurs des stupéfiants et substances psychotropes

6° gukorana n'inzego zishinzwe ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu mu gukumira no kubuza iyinjizwa mu Gihugu ritemewe n'amategeko ry'ibiyobyabwenge n'imiti ifatwa nka byo;

7° guhuza n'igihe urutonde rw'ibinyobwa bitemewe n'ibindi bintu bicungwa kandi bifatwa nk'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda bikamenyeshwa Minisiteri y'Ubuzima kugira ngo ibifatire ingamba zikwiye.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Inzego za Komite**

Komite igizwe n'Inzego eshatu (3) zikurikira:

1° Inama Nshingwabikorwa;

2° Inama y'Impuguke;

3° Ubunyamabanga.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Abagize Inama Ngishwanama**

Inama Nshingwabikorwa igizwe n'aba bakurikira:

1° Umuyobozi wa Komite;

2° Umuyobozi Wungirije wa Komite;

substances;

6° collaborate with competent authorities in preventing and prohibiting illicit traffic of narcotic drugs and psychotropic substances;

7° regularly update the list of drinks and other unauthorised substances classified as narcotic in Rwanda and accordingly inform the Ministry of Health in order to take appropriate measures.

**<u>Article 6</u>: Organs of the Committee**

The Committee is composed of three (3) following organs:

1° Executive Committee;

2° Committee of Experts;

3° Secretariat.

**<u>Article 7:</u> Composition of Executive Committee**

The Executive Committee is composed of the following:

1° Chairperson of the Committee;

2° Vice Chairperson of the Committee;

illicites ;

6° collaborer avec les services compétents en vue de prévenir et empêcher le trafic illicite des stupéfiants et des substances psychotropes ;

7° mettre à jour régulièrement la liste de boissons et d'autres substances non autorisées classées comme stupéfiants au Rwanda et en informe le Ministère de la Santé afin de prendre des mesures appropriées.

**<u>Article 6 :</u> Organes du Comité**

Le Comité est composé de trois (3) organes suivants:

1° Comité Exécutif ;

2° Comité des Experts;

3° Secrétariat.

**<u>Article 7:</u> Composition du Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif est composé des personnes ci-après:

1° Président du Comité ;

2° Vice-Président ;

3° Umunyamabanga wa Komite.

**<u>Ingingo ya 8:</u> Abagize Inama y'Impuguke**

Inama y'Impuguke igizwe n'abantu bikurikira:

1° babiri (2) bahagarariye Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo;

2° uhagarariye Minisiteri ifite Polisi y'Igihugu mu nshingano zayo;

3° uhagarariye Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka;

4° uhagarariye Minisiteri ifite ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano zayo;

5° uhagarariye Minisiteri ifite Ingabo mu nshingano zayo;

6° uhagarariye Minisiteri ifite ubucuruzi n'inganda mu nshingano zayo,

7° uhagarariye Minisiteri ifite Ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo;

8° uhagarariye Minisiteri ifite ubuhinzi mu nshingano zayo;

9° uhagarariye Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;

3° Secretary of the Committee.

**<u>Article 8:</u> Composition of Committee of Experts**

The Committee of Experts is composed of the following representatives:

1° two (2) representatives from the Ministry in charge of health;

2° a representative from the Ministry in charge of National Police;

3° a representative from the Directorate General of Immigration and Emigration;

4° a representative from the Ministry in charge of local government;

5° a representative from the Ministry in charge of defense;

6° a representative of the Ministry in charge of trade and industry;

7° a representative from the Ministry in charge of foreign affairs ;

8° a representative from the Ministry in charge of agriculture;

9° a representative from the Ministry in charge of justice;

3° Secrétaire.

**<u>Article 8:</u> Composition du Comité des Experts**

Le Comité des Experts est composé des représentants suivants :

1° deux (2) représentants du Ministère ayant la santé dans ses attributions ;

2° un représentant du Ministère ayant la Police Nationale dans ses attributions ;

3° un représentant de la Direction Générale de l'Immigration et Emigration;

4° un représentant du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions ;

5° un représentant du Ministère ayant la défense dans ses attributions;

6° un représentant du Ministère ayant le commerce et industrie dans ses attributions;

7° un représentant du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions ;

8° un représentant du Ministère ayant l'agriculture dans ses attributions ;

9° un représentant du Ministère ayant la justice dans ses attributions ;

10° uhagarariye Minisiteri ishinzwe Umuryango w'Uburasirazuba bwa Africa;

11° uhagarariye Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano zayo;

12° uhagarariye Minisiteri ifite urubyiruko mu nshingano zayo;

13° uhagarariye Minisiteri ifite siporo mu nshingano zayo;

14° uhagarariye Ministeri ifite uburinganire n'iterambere ry'umuryango mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 9: Itorwa ry'Umuyobozi n'Umuyobozi Wungirije**

Inama ya mbere ya Komite itumizwa ikanayoborwa na Minisitiri w'Ubuzima kugira ngo hatorwe Umuyobozi wa Komite n'Umuyobozi Wungirije.

Amategeko Ngengamikorere agena uburyo amatora y'Umuyobozi n'Umuyobozi Wungirije ba Komite akorwa n'inshingano zabo.

**Ingingo ya 10: Igihe Umuyobozi n'Umuyobozi Wungirije bamara ku mirimo**

Igihe Umuyobozi wa Komite n'Umuyobozi

10° a representative from the Ministry of East African Community;

11° a representative from the Ministry in charge of Education;

12° a representative from the Ministry having Youth;

13° a representative from the Ministry having sports in its attributions;

14° a representative from the Ministry in charge of gender and family promotion.

**Article 9: Elections of Chairperson and Deputy Chairperson**

The first meeting shall be convened and chaired by the Minister of Health to elect the Chairperson and Deputy Chairperson of the Committee.

The internal rules and regulations shall determine the election modalities and responsibilities of the Chairperson and Deputy Chairperson of the Committee.

**Article 10: Term of office of Chairperson and Deputy Chairperson**

The term of office of the Chairperson and

10° un représentant du Ministère de la Communauté des Etats de l'Afrique de l'Est ;

11° un représentant du Ministère ayant l'éducation dans ses attributions;

12° un représentant du Ministère ayant la jeunesse dans ses attributions ;

13° un représentant du Ministère ayant les sports dans ses attributions;

14° un représentant du Ministère ayant le Genre et de la Promotion Familial dans ses attributions.

**Article 9: Elections du président et son Adjoint**

La première réunion est convoquée et présidée par le Ministre de la Santé afin d'élire le Président du Comité et son Adjoint.

Le règlement d'ordre intérieur détermine les modalités d'élections du Président du Comité et de son Adjoint ainsi que leurs responsabilités**.**

**Article 10 : Mandat du Président et de son Adjoint**

Le mandat du Président du Comité et de son adjoint

Wungirije bamara kuri iyo mirimo ni imyaka itatu (3) ishobora kongerwa rimwe gusa.

Mu kuzuza inshingano zabo Umuyobozi wa Komite n'Umuyobozi Wungirije bafashwa n'Ubunyamabanga bwa Komite.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Amatsinda ya Komite**

Kugira ngo Komite yuzuze inshingano zayo ishobora gushyiraho amatsinda bibaye ngombwa. Amategeko ngengamikorere ya Komite ateganya inshingano z'ayo matsinda.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Inama za Komite**

Gutumiza inama ya Komite bikorwa n'Umuyobozi iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi mbere y'uko inama iba.

Igihe Umuyobozi adashoboye guhamagaza inama ya Komit, Umuyobozi wungirije ashobora kuyitumiza.

Abagize Komite bahura mu nama rusange isanzwe rimwe mu mu mezi atatu (3).

Icyakora, abagize Komite bashobora gutumuzwa mu nama idasanzwe cyangwa igihe cyose bikenewe.

**<u>Ingingo ya 13:</u> Ubunyamabanga bwa Komite**

Ministeri ifite ubuzima mu nshingano zayo

Deputy Chairperson shall be three (3) years which may be renewed only once.

To fulfill their responsibilities, the Chairperson and the Deputy Chairperson are assisted by the secretariat of the Committee.

**<u>Article 11:</u> Sub-committees of the Committee**

In order to fulfill its mission, the Committee may establish subcommittees if considered necessary. The internal rules and regulation of the Committee shall determines their responsibilities.

**<u>Article 12:</u> Meetings of the Committee**

The Chairperson convenes ordinary meetings of the Committee within fifteen (15) working days before the day of the meeting.

When the Chairperson is unable to convene the meeting of the Committee, the Deputy-chairperson may convene the meeting.

Ordinary meetings of the Committee convene at least once in three (3) months.

However, members of the Committee may be invited to an extraordinary meeting when considered necessary.

**<u>Article 13</u>: Secretary of the Committee**

The Ministry in charge of Health shall

est de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Dans l'exercice de leurs fonctions, le Président du Comité et son adjoint sont assistés par le Secrétariat du Comité.

**<u>Article 11:</u> Sous-comités du Comité**

Pour mener à bien sa mission, le Comité peut établir des sous-comités en cas de besoin. Le règlement d'ordre intérieur du Comité détermine leurs responsabilités.

**<u>Article 12:</u> Réunions du Comité**

Le président convoque une réunion des membres quinze (15) jours ouvrables avant la réunion.

En cas d'empêchement pour convoquer la réunion du Comité, le Vice-Président peut convoquer cette réunion.

Les réunions ordinaires du Comité se tiennent une fois les trois (3) mois.

Cependant, les membres de Comité peuvent être invités à se réunir en session extraordinaire en cas de besoin.

**<u>Article 13:</u> Secrétariat du Comité**

Le Ministère en charge de la santé établit un

ishyiraho Ubunyamabanga Buhoraho bwa Komite.

**Ingingo ya 14: Ingengo y'Imari**

Ingengo y'imari Komite ikoresha iyivana muri Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 15: Amategeko ngengamikorere ya Komite**

Komite ni yo itegura amategeko ngengamikorere yayo ikanayemeza.

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranije na ryo zivanweho.

**Ingingo ya 17: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 19/06/2015

designate a permanent secretariat of the Committee.

**Article 14: Budget of the Committee**

The budget of the Committee shall come from the Ministry in charge of Health.

**Article 15: Internal rules and regulations of the Committee**

The Committee shall prepare and approve its internal rules and regulations.

**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**

**Article 16: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 17: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 19/06/2015

secrétariat permanent du Comité.

**Article 14: Budget du Comité**

Le budget de fonctionnement du Comité provient du Ministère ayant la santé dans ses attributions.

**Article 15: Règlements d'ordre intérieur du Comité**

Le Comité prépare et approuve son règlement d'ordre intérieur.

**CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 16: Disposition abrogatoire**

Toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 17: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 19/06/2015

| | | |
|---|---|---|
| **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Minisitiri w'Intebe | **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Prime Minister | **(sé)**<br>**MUREKEZI Anastase**<br>Premier Ministre |
| **(sé)**<br>**Dr. BINAGWAHO Agnes**<br>Minisitiri w'Ubuzima | **(sé)**<br>**Dr. BINAGWAHO Agnes**<br>Minister of Health | **(sé)**<br>**Dr. BINAGWAHO Agnes**<br>Ministre de la Santé |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:** | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** | **Vu et scellé du Sceau de la République:** |
| **(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta | **(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **(sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°114/03 RYO KU WA 19/06/2015 RIGENA IBYANGOMBWA BIKENEWE KUGIRA NGO UMUNTU AGIRE UBURENGANZIRA BWO GUTUNGA UBUTAKA BWO MU MUJYI BUGENEWE IMIRIMO YO GUTUNGANYIRIZA ABANTU IBIBANZA NO KUBIBUBAKIRA**

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'umutungo ku butaka**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri teka**

